# Uzanezezwa n'uko Allah azamukiza ingorane ku munsi w'imperuka azorohereze umufitiye umwenda cyangwa se anawumubabarire

Hadith yaturutse kwa Abu Qatadat (Imana imwishimire) yavuze ko yashatse umufitiye umwenda aramwihisha nyuma aza kumubona maze aramubwira ati: Sinshoboye kukwishyura, nuko Abu Qatadat aramubwira ati: Wabirahirira ku izina rya Allah? Nuko arabirahirira ku izina rya Allah, maze Abu Qatadat aravuga ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzanezezwa n'uko Allah azamukiza ingorane ku munsi w'imperuka azorohereze umufitiye umwenda cyangwa se anawumubabarire."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Abu Qatadat Al Answariy (Imana imwishimire) yigeze gushakisha uwari umufitiye umwenda aramwihisha, nyuma aza kumubona, maze uwo wari umufitiye umwenda aramubwira ati: Ndakomerewe nta mutungo mfite ngo nkwishyure ideni ryawe. Nuko Abu Qatadat (Imana imwishimire) aramurahiza ngo ahamye ko nta mutungo afite, Nuko amurahirira ku izina rya Allah ko ari kuvuga ukuri. Maze Abu Qatadat (Imana imwishimire) avuga ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: Uzanezezwa n'uko Allah azamurokora ingorane n'ibizazane byo ku munsi w'imperuka, azorohereze ukomerewe no kwishyura, amwongerere igihe cyo kumwishyura, cyangwa se anamubabarire uwo mwenda amufitiye.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee